Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga
n'Ubutwererane

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango
cya Repubulika:**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya
Leta

Kigali, on 28/7/2009

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

MAKUZA Bernard
Prime Minister

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minister of Public Service and Labour

(sé)

MUSEMINALI Rosemary
Minister of Foreign Affairs and
Cooperation

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice / Attorney General

Kigali, le 28/7/2009

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

MAKUZA Bernard
Premier Ministre

(sé)

MUREKEZI Anastase
Ministre de la Fonction Publique et du
Travail

(sé)

MUSEMINALI Rosemary
Ministre des Affaires Etrangères et du
Coopération

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice / Garde des sceaux

AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'UMUTUNGO KAMERE N° 003 YO KUWA 23/7/2009 ASHYIRAHOKANDI AKAGENA IMITERERE Y'ISANGIRAMUTUNGO KU NYUBAKO N'IYANDIKISHA RYAYO

INSTRUCTIONS OF THE MINISTER OF NATURAL RESOURCES N° 003 OF 23/7/2009 CREATING AND ORGANIZING CONDOMINIUMS AND SETTING UP PROCEDURES FOR REGISTRATION

INSTRUCTIONS DU MINISTRE DES RESSOURCES NATURELLES N° 003 DU 23/7/2009 PORTANT CREATION, ORGANISATION ET ENREGISTREMENT DES IMMEUBLES EN COPROPRIETE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Ibisobanuro by'amagambo

Article One: Definitions of terms

Article premier: Définitions des termes

Ingingo ya 2: Ibirebwa n'aya mabwiriza

Article 2: Scope of application of the present instructions

Article 2: Champ d'application de ces instructions

Ingingo ya 3: Ibigize isangiramutungo ku nyubako

Article 3: Objects in a condominium

Article 3: Composantes de l'immeuble en copropriété

UMUTWE WA II: GUSHYIRAHOKANDI AKAGENA IMITERERE Y'ISANGIRAMUTUNGO

CHAPTER II: CREATION AND ADMINISTRATION OF A CONDOMINIUM

CHAPITRE II: CREATION ET ADMINISTRATION DE L'IMMEUBLE EN COPROPRIETE

Igice cya mbere: Ishyirwaho ry'isangiramutungo ku nyubako

Section One: Establishment of a condominium

Section première: Etablissement d'une copropriété immobilière

Ingingo ya 4: Ishyirwaho ry'isangiramutungo ku nyubako

Article 4: Creation of a condominium

Article 4: Création d'une copropriété immobilière

Ingingo ya 5: Amategeko shingiro agenga ishyirahamwe

Article 5: Articles of Association or by-laws

Article 5: Statuts de l'Association

<u>Ingingo ya 6:</u> Imiterere n'itego by'ishyirahamwe	<u>Article 6:</u> Form and purpose of association	<u>Article 6:</u> Organisation et objectifs de l'Association
<u>Ingingo ya 7:</u> Iyandikisha ry'ishyirahamwe ry'isangiramutugo ku nyubako	<u>Article 7:</u> Registration of an association in a condominium	<u>Article 7:</u> Enregistrement de l'Association des copropriétaires
<u>Icyiciro cya II:</u> Imiterere y'ishyirahamwe	<u>Section II:</u> Organization of the association	<u>Section II:</u> Organisation de l'association
<u>Ingingo ya 8:</u> Ibikorwa by'ubucuruzi by'ishyirahamwe	<u>Article 8:</u> Economic activities of the association	<u>Article 8:</u> Activités économiques de l'Association
<u>Ingingo ya 9:</u> Kwita ku gice kigize isangiramutungo ku nyubako	<u>Article 9:</u> Servicing and maintenance of real property in a condominium	<u>Article 9 :</u> Entretien d'une propriété immobilière dans un immeuble en copropriété
<u>Ingingo ya 10:</u> Uburenganzira bw'ishyirahamwe	<u>Article 10:</u> Rights of the Association	<u>Article 10 :</u> Droits de l'association
<u>Ingingo ya 11:</u> Inshingano z'ishyirahamwe	<u>Article 11:</u> Obligations of the association	<u>Article 11:</u> Obligations de l'association
<u>Ingingo ya 12:</u> Kuba umunyamuryango w'ishyirahamwe	<u>Article 12:</u> Membership in the association	<u>Article 12:</u> Adhésion dans l'association
<u>Ingingo ya 13:</u> Imiyoborere y'ishyirahamwe	<u>Article 13:</u> Administration of the Association	<u>Article 13:</u> Administration de l'association
<u>Ingingo ya 14:</u> Ubwishingizi bw'umutungo w'ishyirahamwe	<u>Article 14:</u> Insurance of the association property	<u>Article 14:</u> L'assurance du patrimoine de l'association
<u>Ingingo ya 15:</u> Ivugururwa n'iseswa ry'ishyirahamwe	<u>Article 15:</u> Reorganization and dissolution of the association	<u>Article 15:</u> Réorganisation et dissolution de l'association

UMUTWE WA III: AMASANO KU MUTUNGO MU ISANGIRAMUTUNGO KU NYUBAKO, UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'ABAWUSANGIYE.	CHAPTER III: PROPERTY RELATIONS UNDER A CONDOMINIUM AND RIGHTS AND OBLIGATIONS OF THE PROPERTY OWNERS	CHAPITRE III: RELATIONS DE PROPRIÉTÉ DANS L'IMMEUBLE EN COPROPRIETE, DROITS ET OBLIGATIONS DES COPROPRIÉTAIRES
<u>Ingingo ya 16:</u> Ihererekanya ry'ibice bigize inyubako isangiwe	<u>Article 16:</u> Transferability of units in a condominium	<u>Article 16 :</u> Transférabilité des unités d'un immeuble en copropriété
<u>Ingingo ya 17:</u> Aho uburenganzira bugarukira	<u>Article 17:</u> Limitations of rights	<u>Article 17 :</u> Limitations des droits
<u>Ingingo ya 18:</u> Umutungo usangiwe	<u>Article 18:</u> Property in common ownership	<u>Article 18 :</u> Biens en copropriété
<u>Ingingo ya 19:</u> Uburenganzira ku mutungo usangiwe	<u>Article 19:</u> Property rights on common ownership	<u>Article 19:</u> Droits sur les biens en copropriété
<u>Ingingo ya 20:</u> Uruhare mu isangiramutungo ku nyubako	<u>Article 20:</u> Co-share of participation in a condominium	<u>Article 20:</u> Quote-part au sein de l'immeuble en copropriété
<u>Ingingo ya 21:</u> Ihinduka mu isangiramutungo ku nyubako	<u>Article 21:</u> Modification in a condominium	<u>Article 21:</u> Modification au sein d'un immeuble en copropriété
<u>Ingingo ya 22:</u> Kurinda uburenganzira bw'umuguzi w'igice cyo mu isangiramutungo ku nyubako.	<u>Article 22:</u> Safeguarding the rights of purchaser of units in a condominium	<u>Article 22:</u> Protection des droits d'un acheteur d'unité au sein d'un immeuble en copropriété
<u>Ingingo ya 23:</u> Inshingano za nyir'igice ku birebana no kwita no gusana igice cy'isangiramutungo ku nyubako	<u>Article 23:</u> Obligations of the property owner as regards maintenance and repair of a unit in condominium	<u>Article 23:</u> Obligations du propriétaire eu égard à l'entretien et la réparation d'une unité dans l'immeuble en copropriété
<u>Ingingo ya 24:</u> Gutanga cyangwa guhabwa inzira ku mutungo	<u>Article 24:</u> Easements	<u>Article 24 :</u> Servitudes

utimukanwa

Ingingo ya 25: Impapuro zigaragaza isangiramutungo ku nyubako n'isoreshwa ryayo

Article 25: Condominium titles and taxation

Article 25: Titres de propriété et impôts relatifs à l'immeuble en copropriété

Ingingo ya 26: Amafaranga agomba kwishyurwa

Article 26: Obligatory payments in a condominium

Article 26: Paiements obligatoires dans un immeuble en copropriété

UMUTWE WA IV: IYANDIKISHWA RY'ISANGIRAMUTUNGO KU NYUBAKO N'IBICE BYAYO

CHAPTER IV: CONDOMINIUM AND CONDOMINIUM UNITS REGISTRATION

CHAPITRE IV : ENREGISTREMENT DE L'IMMEUBLE EN COPROPRIETE ET DE SES UNITÉS

Ingingo ya 27: Ibyandikwa mu isangiramutungo ku nyubako

Article 27: Registration subjects in a condominium

Article 27: Sujets d'enregistrement au sein d'un immeuble en copropriété

Ingingo ya 28: Rejisitiri cyandikwamo isangiramutungo ku nyubako

Article 28: Condominium register

Article 28 : Registre d'immeuble en copropriété

Ingingo ya 29: Itambamira n'izindi nyandiko

Article 29: Caveats and inscriptions

Article 29 : Opposition et inscriptions

Ingingo ya 30: Inkurikizi zo kugira rejisitiri y'isangiramutungo ku nyubako

Article 30: Effect of opening a condominium register

Article 30 : Effet de l'ouverture d'un registre d'un immeuble en copropriété

Ingingo ya 31: Amafaranga yo kwandikisha isangiramutungo ku nyubako

Article 31: Condominium registration fees

Article 31: Frais d'enregistrement d'un immeuble en copropriété

Ingingo ya 32: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

Article 32: Commencement

Article 32 : Entrée en vigueur

AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'UMUTUNGO KAMERE N° 003 YO KUWA 23/7/2009 ASHYIRAHOKANDI AKAGENA IMITERERE Y'ISANGIRAMUTUNGO KU NYUBAKO N'IYANDIKISHA RYAYO

INSTRUCTIONS OF THE MINISTER OF NATURAL RESOURCES N° 003 OF 23/7/2009 CREATING AND ORGANIZING CONDOMINIUMS AND SETTING UP PROCEDURES FOR REGISTRATION

INSTRUCTIONS DU MINISTRE DES RESSOURCES NATURELLES N° 003 DU 23/7/2009 PORTANT CREATION, ORGANISATION ET ENREGISTREMENT DES IMMEUBLES EN COPROPRIETE

Minisitiri w'Umutungo Kamere;

The Minister of Natural Resources;

Le Ministre des Ressources Naturelles;

Amaze kubona ko uburyo bw'imiturire mu Rwanda busaba ko abantu bazamura inyubako zabo hejuru;

Considering that current urban norms in Rwanda require people to construct vertically;

Considérant que les normes urbaines actuelles au Rwanda exigent que les gens construisent en hauteur;

Amaze kubona ko iterambere ubu rituma hashyirwaho amasezerano yerekeye ibice cyangwa amazu y'amagorofa;

Considering that new developments are bringing transactions related to parts and/or units of blocks of flats;

Considérant que les progrès récents requièrent des transactions dans lesquelles des parties ou groupes d'unités des bâtiments sont impliquées;

Amaze kubona ko bene ayo amasezerano agomba kugira amategeko atuma umuntu agira uburenganzira;

Considering that those transactions need to have a legal framework so as to secure rights;

Considérant que de telles transactions doivent avoir un cadre juridique;

Amaze kubona ko nka minisitiri ufite ububasha bw'iyandikishwa ry'ubutaka mu nshingano ze, ko byaba byiza hashyizweho uburyo bunoze bwo gutunganya no kwandikisha isangiramutungo ku nyubako;

Considering, in his capacity as the Minister entrusted with the Ministry holding land right registration within its remit, that it would be appropriate to put in place a proper procedure of managing and registering condominiums;

Considérant que, en tant que le Ministre ayant dans ses attributions l'enregistrement des titres fonciers, il est nécessaire de mettre en place une procédure appropriée d'aménagement et d'enregistrement des immeubles en copropriété;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 20 Gicurasi 2009 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet meeting, in its session of May 20th, 2009;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 20 Mai 2009;

ATANZE
AKURIKIRA:

AMABWIRIZA

HEREBY ISSUES THE FOLLOWING
INSTRUCTIONS:

DONNE LES INSTRUCTIONS
SUIVANTES:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER:
DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Ibisobanuro
by'amagambo

Article One: Definitions of terms

Article premier: Définitions des termes

1° Ishyirahamwe rya ba nyir'umutungo mu isangiramutungo ku nyubako (ryitwa Ishyirahamwe rya ba nyir'umutungo muri aya mabwiriza): Ni ishyirahamwe ritagamije ubucuruzi ry'abantu basangiye umutungo ku nyubako bagamije gushyiraho uburyo bunoze bw'imiyoborere, no gukoresha umutungo utimukanwa mu buryo bw'isangiramutungo.

1° Association of Owners in a condominium (hereinafter, the Association of Owners): Is a non-commercial organization of owners in a condominium associated for the purpose of proper administration, maintenance and operation of the real estate under the condominium.

1° Association des copropriétaires d'un immeuble en copropriété (ci-après dénommée Association des copropriétaires): C'est une organisation non commerciale des copropriétaires d'un immeuble en copropriété ayant comme objectif d'instaurer les modalités appropriées d'administration, d'entretien de fonctionnement de l'immeuble en copropriété.

2° Isangiramutungo ku nyubako: Ni ubwoko bwo kugira uburenganzira bungana ku mutungo utimukanwa mu buryo igice kimwe cy'uwo mutungo kiba gihuriweho muri rusange naho ikindi ari icy'umuntu ku giti cye.

2° Condominium: Is a type of joint ownership of real property in which portions of the property are commonly owned and other portions are individually owned.

2° Copropriété immobilière: C'est une sorte de propriété immobilière conjointe dans laquelle certaines portions sont communes à tous les propriétaires alors que d'autres appartiennent aux personnes de façon privative.

3° Ibice rusange: Ni ibice bigize inyubako n'izindi nyubako zose byagenewe gukoreshwa na ba nyir'isangiramutungo utimukanwa bose mu buryo bungana.

3° Common elements: Refer to parts of a building and other real estate objects in ownership which are designed for common use by all owners of the condominium.

3° Eléments communs: Sont des parties composantes d'un bâtiment ou autres biens immeubles en copropriété destinés à l'usage commun par tous les copropriétaires d'un immeuble en copropriété.

<p>4° Umugabane wa nyir'umutungo: Ni umugabane wa buri nyir'umutungo ku mutungo utimukanwa uhuriweho.</p>	<p>4° Co-share of participation: Is a property share of each owner in the common real property.</p>	<p>4° Quote-part: C'est la part de chaque propriétaire sur le bien réel en commun.</p>
<p>5° Nyir'umutungo: Ni umuntu cyangwa imiryango ifite ubuzima gatozi ufite cyangwa ureberera umutungo utimukanwa mu isangiramutungo ku nyubako.</p>	<p>5° Property owner: Is a physical or legal person, or a group of persons which possess, use, administer the real property belonging to them in a condominium.</p>	<p>5° Le propriétaire: C'est une personne physique ou morale, ou un groupe de personnes possédant, usant ou gérant un bien réel dans un immeuble en copropriété.</p>
<p><u>Ingingo ya 2:</u> Ibirebwa n'aya mabwiriza</p>	<p><u>Article 2:</u> Scope of application of the present instructions</p>	<p><u>Article 2:</u> Champ d'application de ces instructions</p>
<p>Aya mabwiriza agamije:</p>	<p>The scope of application of the present instructions covers:</p>	<p>Le champ d'application des présentes instructions couvre:</p>
<p>a) Kwemeza inyubako zisangiwe;</p>	<p>a) Recognition of building properties in a condominium;</p>	<p>a) La reconnaissance des buildings en copropriété ;</p>
<p>b) Gucunga no kwita ku nyubako ziri mu isangiramutungo;</p>	<p>b) Management and administration of a condominium;</p>	<p>b) La gestion et administration de la copropriété;</p>
<p>c) Imihurize y'amasano ku mutungo mu isangiramutungo ku nyubako hatitawe ku buryo uwo mutungo ufitwe;</p>	<p>c) Property relations under a condominium, regardless the form of ownership; and</p>	<p>c) Les relations de propriété dans un immeuble en copropriété sans tenir compte de la forme de cette propriété ; et</p>
<p>d) Iyandikisha ry'isangiramutungo ku nyubako n'ibice biyigize.</p>	<p>d) Registration of condominium and units within a condominium.</p>	<p>d) L'enregistrement de l'immeuble en copropriété et ses parties composantes.</p>

Ingingo ya 3: Ibigize isangiramutungo ku nyubako

Isangiramutungo rishobora kugirwa na:

- a) Inyubako, ibice by'inyubako bifite imiryango itandukanye cyangwa inyubako nyinshi z'abantu nibura babiri(2) , bafite ibibanza bifite imbago zegeranye n'ibindi byose bifatanye n'inyubako, inkengero z'abanyamaguru, imihanda aho bahagarika ibinyabiziga, ibirongozi, amabaraza, ubusitani n'ibindi byose biri kuri icyo kibanza bihana imbibi;
- b) Inyubako nyinshi ziri hamwe nko mu mudugudu, nk' amazu atuwemo n'umuryango, amazu mato afite cyangwa adafite ikibanza bahana imbibi, aho babika imodoka n'ibindi bintu bihuriye mu nyubako mu kibanza kimwe n'ibikigize byose.

Isangiramutungo nanone rishobora kuba ibice by'ibyumba by'igorofa ifite imiryango itandukanye n'ibikoresho bya tekini by'inyubako bitandukanye, ariko ku buryo ivugurura, isanwa cyangwa isenywa ry'icyo gice bitahungabanya ibindi bice by'iyi nyubako.

Article 3: Objects in a condominium

The Condominium may comprise:

- a) A building, a part of the building with a separate entrance or several buildings belonging to at least two (2) property owners, with the adjacent land plot within the established boundaries, as well as the attachments to the buildings, pavements for pedestrians, roads and parking lots, hallways, balconies, green perennials and other objects located on this adjacent land plot;
- b) Several buildings or edifices which are compactly located, such as: residential houses for one family, cottages with adjacent land or without such land; garages and other objects united within a single land plot with all elements of infrastructure.

The Condominium may comprise the section of a multi-apartment block of flats which has a separate entrance and engineering facilities, on condition that reconstruction, repair or demolition of this section shall not undermine the integrity of other parts of the same building.

Article 3: Composantes de l'immeuble en copropriété

L'immeuble en copropriété peut être composé de:

- a) Un bâtiment, une partie dudit bâtiment ayant une entrée distincte ou plusieurs bâtiments appartenant au moins à deux (2) personnes, avec des parcelles contigues au sein des bornes définies ainsi que les accessoires à bâtiments, les trottoirs pour les piétons, les routes et les parkings, les couloirs, les vérandas, les jardins et d'autres objets implantés sur cette parcelle contigue;
- b) Plusieurs bâtiments en agglomérations, notamment: les maisons de résidence pour une famille, petites maisons avec ou sans espace contigu, les garages et autres objets unis sur une même parcelle aux éléments d'infrastructure.

L'immeuble en copropriété peut comprendre aussi des appartements d'un bâtiment à plusieurs niveaux qui ont des entrées et des aménagements techniques distincts pourvu que la reconstruction, la réparation ou la destruction d'un appartement n'endommage pas d'autres parties du bâtiment.

Isangiramutungo ntirireba ibintu byerekeye ingufu z'amashanyarazi, itumanaho, amazi n'aho imyanda itunganyirizwa, n'indangahantu ziri ku butaka isangiramutungo riherereyeho.	The condominium does not include objects of the energy sector, telecommunications, water and sewerage systems and objects with strategic designation located on the territory of the condominium.	L'immeuble en copropriété ne concerne pas des objets du secteur de l'énergie, de télécommunication, d'eau et de système de traitement d'égouts et des objets de stratégie implantés sur l'endroit de la copropriété.
<u>UMUTWE WA II: GUSHYIRAHO NO KWITA KU NYUBAKO ZIRI MU ISANGIRAMUTUNGO</u>	<u>CHAPTER II: CREATION AND ADMINISTRATION OF A CONDOMINIUM</u>	<u>CHAPITRE II: CREATION ET ADMINISTRATION DE L'IMMEUBLE EN COPROPRIETE</u>
<u>Igice cya mbere: Ishyirwaho ry'isangiramutungo ku nyubako</u>	<u>Section One: Establishment of a condominium</u>	<u>Section première: Etablissement d'une copropriété immobilière</u>
<u>Ingingo ya 4: Ishyirwaho ry' isangiramutungo ku nyubako</u>	<u>Article 4: Creation of a condominium</u>	<u>Article 4: Création d'une copropriété immobilière</u>
Isangiramutungo ku nyubako rishyirwaho mu buryo bukurikira:	A condominium is established:	La copropriété immobilière est établie comme suit:
a) Ku bushake bwa ba nyir'umutungo usangiwe;	a) At the initiative of owners in a condominium;	a) A l'initiative des copropriétaires;
b) Bitegetswe n'ubuyobozi bw'Akarere k'aho inyubako iri ko hashyirwaho ishyirahamwe rya ba nyir' umutungo bigaragaye ko ibyangombwa by'isangiramutungo ku nyubako byuzuye ariko ba nyirayo badashaka kujya mu ishyirahamwe.	b) By obligatory association of property owners located on the land plot under a condominium, through a decision issued by the District where the condominium is located, when conditions of a condominium are met and owners are not willing to form an association of owners.	b) Sur décision du District où se trouve l'immeuble en copropriété d'une mise en place d'une association des copropriétaires lorsque ces derniers ne veulent pas se mettre en association alors que toutes les conditions sont remplies.
Ishyirahamwe rya ba nyir' umutungo	The association of property owners is	Sauf si les statuts de l'association le

utimukanwa rishyirwaho nta gihe rizamara keretse amategeko shingiro arigenga abiteganywa ukundi.

established without limitation as to its term of activity, unless its Articles of Association or by-laws provide otherwise.

prévoient autrement, l'association des copropriétaires est établie pour une durée indéterminée.

Ingingo ya 5: Amategeko shingiro agenga ishyirahamwe

Article 5: Articles of Association or by-laws

Article 5: Statuts de l'Association

Sitati y'ishyirahamwe igomba kugira ibi bikurikira:

Articles of Association or by-laws must include the following:

Les statuts de l'Association doivent contenir les points suivants:

a) Guteganya igice cyangwa ijanisha ry'inyungu y'ibintu rusange n'ibyo bakoresha mu ishyirahamwe, uburyo bwo kugenera umubare w'amajwi mu matora y'ishyirahamwe kuri buri gice no gusobanura imibare bagendeyeho bashyiraho ijanisha bayigeneye;

a) An allocation of the fraction or percentage of undivided interests in the common elements and in the common expenses of the association, and a portion of the votes in the association to each unit and state the formulas used to establish those allocations ;

a) Prévision de la portion ou le pourcentage de l'intérêt indivis dans les parties communes et les dépenses communes de l'Association, l'allocation de voix de vote pour chaque unité au sein de l'Association et montrer la formule utilisée pour ces prévisions;

b) Amakarita n'ibishushanyo mbonera bifite izina, aho ikibanza kuri n'ibipimo by'inyubako, ibipimo by'ibikorwa byose byayikozweho n'aho biherereye;

b) Plats and plan which contain the name, location and dimensions of the condominium complex, the location and dimensions of all existing improvements, etc... ;

b) Les cartes et plans indiquant le nom, emplacement et dimensions de la copropriété totale, l'indication et les dimensions de toutes les actions y effectuées;

c) Ku buryo buhobora, ibikorwa ku butaka buri byaba ibyo isangiramatungo ritanga cyangwa rikoreraho n'ingano yabyo;

c) To the extent possible, the location and dimensions of all easements serving or burdening any portion of the condominium ;

c) Si possible, l'indication et les dimensions de toutes les servitudes dont est grevé ou dont jouit l'immeuble en copropriété, effectués sur le sol ;

d) Ingano n'uburebure by'ibintu rusange bikubiyemo ingazi, aho ibinyabiziga bibikwa, amabaraza, imiryango

d) The location and dimensions of all common elements including stairwells, parking lots, balconies, entrance-ways

d) L'emplacement et les dimensions des objets communs tels que les escaliers, parking des véhicules, les vérandas, les

n'ibindi bisa nabyo.

and the like.

entrées et autres.

Ishyirahamwe rya ba nyir' umutungo iyo bagize 2/3 by'amajwi bashobora guhindura sitati y'ishyirahamwe, n'ubwiganze bwa 3/4 bw'amajwi bashobora gusesa sitati, bityo kandi bakanasesa isangiramutungo ku nyubako.

The association of property owners by a majority of 2/3 of the votes may decide upon amendments to Articles of Association or by-laws, and by a majority of 3/4 the the votes, it may decide upon termination of the Articles of Association or by-laws, and by so doing terminating the condominium.

Les statuts de l'Association des copropriétaires peuvent être modifiés par les 2/3 des voix alors que la dissolution des statuts et de la copropriété peut être décidée par la majorité de 3/4 des voix et ainsi, en procédant à la dissolution de la copropriété sur l'immeuble.

Ingingo ya 6: Imiterere n'itegeho by'ishyirahamwe

Article 6: Form and purpose of association

Article 6: Organisation et objectifs de l'Association

Ishyirahamwe rya ba nyir'umutungo ni umuryango udaharanira inyungu wemewe n'amategeko, ushyurwaho nibura n'abantu babiri (2) ari ba nyir'ibice bigize isangiramutungo bagamije:

The association of owners shall be a non-commercial organization, recognized by the legislation in force, formed between at least two (2) owners who own units in a condominium for the purpose of:

L'Association des copropriétaires est une association sans but lucratif reconnue par la législation en vigueur, composée au moins de deux (2) personnes propriétaires des unités de la copropriété, qui a les objectifs suivants:

a) Gufata neza, guteza imbere no gusana ibintu rusange biri mu isangiramutungo cyangwa guhindura ibice by'inyuma cyangwa ikindi cyose bahindura kikagira ingaruka ku isangiramutungo ku nyubako;

a) Maintenance, development and repair of common elements in the condominium or changes to the exterior of the Units or other changes that can affect all or part of the condominium;

a) Maintenir, développer et réparer les objets communs en copropriété ou changer l'apparence extérieure ou procéder à d'autres changements pouvant affecter tout ou partie de l'immeuble en copropriété;

b) Gushyikiriza abanyamuryango ibyangombwa bikenerwa bahuriyeho kimwe n'izindi serivisi;

b) Providing members of the association with communal and other services;

b) Octroyer aux membres de l'Association les services tant communs que d'autres;

c) Guhagararira no kurengera

c) Representing and protecting the

c) Représenter et protéger l'intérêt des

abanyamuryango.	interests of association members.	membres de l'Association.
Ishyirahamwe riryoze uburyozwe buturuka ku isangiramutungo utimukanwa, ntiriryoze ibikorwa bikoze n'abanyamuryango baryo kimwe n'uko abanyamuryango nabo bataryozwe uburyozwe bw'ishyirahamwe.	The association carries liability for the obligations incurred in relation to its own real property and does not carry liability for the obligations of its members; likewise, the members do not carry liability for the obligations incurred to the association.	L'Association supporte la responsabilité émanant des obligations en rapport avec sa propriété immobilière, mais elle n'est pas responsable des faits de ses membres, de même ces derniers ne peuvent pas supporter la responsabilité de l'Association.
<u>Ingingo ya 7:</u> Iyandikisha ry'ishyirahamwe ry'isangiramutungo ku nyubako	<u>Article 7:</u> Registration of an association in a condominium	<u>Article 7:</u> Enregistrement de l'Association des copropriétaires
Ishyirahamwe rya ba nyir' isangiramutungo rihabwa ubuzima gatozi iyo ryanditse mu buryo buteganywa n'amategeko.	The association of property owners in a condominium acquires the right of a legal person upon its registration in the manner established by the legislation in force.	L'Association des copropriétaires n'acquiert la personnalité juridique que lorsqu'elle est enregistrée officiellement selon la législation en vigueur.
<u>Ivicio cya II:</u> Imiterere y'ishyirahamwe	<u>Section II:</u> Organization of the association	<u>Section II:</u> Organisation de l'association
<u>Ingingo ya 8:</u> Ibikorwa by'ubucuruzi by'ishyirahamwe	<u>Article 8:</u> Economic activities of the association	<u>Article 8:</u> Activités économiques de l'Association
Ishyirahamwe ry'isangiramutungo rishobora gukora ibikorwa by'ubucuruzi bikurikira:	The association may carry out the following types of economic activity:	L'Association des copropriétaires peut effectuer les activités économiques suivantes:
a) Gukora akazi ka buri muni, gufata neza no gusana umutungo usangiwe;	a) Administrative services, maintenance and repair of the real property in condominium;	a) Service administratif quotidien, maintien et réparation de la propriété commune;

- | | | |
|---|---|---|
| b) Gushyiraho inyubako z'inyongera n'ibintu rusange bikenerwa mu isangiramutungo ku nyubako; | b) Construction of supplementary premises and objects of common use in a condominium; | b) Construction des bâtiments supplémentaires et des objets d'usage commun dans un immeuble en copropriété; |
| c) Guhagarira umutungo w'ishyirahamwe, iyo ishyirahamwe rikeneye amafaranga yo gufata neza ibintu rusange biri mu isangiramutungo no guteza imbere uwo mutungo. | c) Represents the property of the association, when the association needs funds for maintenance of common elements in condominium and improvement of this property. | c) Représenter le patrimoine de l'Association lorsque cette dernière a besoin de fonds de maintien et d'amélioration des parties communes en copropriété. |

Hakurikijwe ibyemezo by'inama rusange y'ishyirahamwe, umusaruro ukomoka ku bikorwa by'ubucuruzi ukoreshwa mu kwishyura ibyakoreshajwe babyaza uwo musaruro cyangwa ugacibwamo ibice bikoreshwa ibyo byateganyirijwe muri sitati. Umusaruro w'inyongera ushobora gucibwamo ibice ugakoreshwa mu bindi bikorwa by'ishyirahamwe biteganywa n'aya mabwiriza ndetse n'amategeko shingiro arigenga.

Following the decision of the general meeting of the association, the income generated by the economic activity is used for the payment of economic costs or is apportioned among special funds to be used for purposes stipulated in the Articles of Association or by-laws. The supplementary income may be apportioned for other activities of the association which are stipulated by the present instructions and the Articles of Association or by-laws.

Suivant la décision de l'assemblée générale de l'Association, les revenus résultant des activités économiques sont utilisés pour le paiement des dépenses ou pour d'autres faits tels que prévus dans les statuts. Le revenu supplémentaire peut être divisé en parties pour l'utiliser aux autres activités de l'association prévues par les présentes instructions ou par les statuts.

Ingingo va 9: Kwita ku gice kigize isangiramutungo ku nyubako

Article 9: Servicing and maintenance of real property in a condominium

Article 9 : Entretien d'une propriété immobilière dans un immeuble en copropriété

Kwita ku gice kigize isangiramutungo ku nyubako bikorwa binyujijwe mu itangwa ry'isoko rihabwa abantu ku giti cyabo cyangwa ibigo bifite ubuzima gatozi

Servicing and maintenance of the real property in a condominium is completed on the basis of a tender allowing for the participation of physical and legal persons

L'entretien de la propriété immobilière dans un immeuble en copropriété est fait sur base d'une offre ouverte pour participation aux personnes physiques et

byemerewe n'amategeko gukora imirimo yo kubaka, gusana no kwita ku nyubako bikurikije amategeko.

which are duly authorized to carry out construction, repair and maintenance works in accordance with the legislation.

morales qui sont dûment autorisées à bien mener des travaux de construction, de réparation et d'entretien conformément à la législation.

Abo bantu ku giti cyabo cyangwa ibigo bifite ubuzima gatozi byubaka, bisana cyangwa byita ku nyubako bikora bene iyo mirimo kimwe n'ibindi byakubakwa nk'inyongera ku nyubako y'isangiramutungo hakurikijwe amasezerano byagiranye n'abacunga inyubako z'isangiramutungo.

Physical and legal persons managing the maintenance, repair or construction activity shall carry out the maintenance and repair works in relation to the real property as well as construction of supplementary objects within the condominium, in accordance with the contracts made with authorities administering the condominium.

Les personnes physiques et morales contrôlant l'activité d'entretien, de réparation ou de construction mèneront à bien lesdits travaux sur la propriété immobilière aussi bien que la construction d'objets supplémentaires dans l'immeuble en copropriété, selon les contrats conclus avec des autorités chargées de la gestion de l'immeuble en copropriété.

Imirimo yoroheje yo kwita ku nyubako, yo gusana cyangwa yo kubaka ishobora gukorwa na ba nyir'inyubako ubwabo cyangwa ishyirahamwe ryabo mbere yo kubona uruhushya rutangwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha. Mu gihe imirimo ikorwa isaba uruhushya, ishyirahamwe risabwa kubona urwo ruhushya.

Non-complicated maintenance, repair and construction works may be performed by the property owners themselves or by the association, prior to an authorization issued by competent authorities. When performing certain types of activities subject to licensing, it is required that the association obtains authorization.

Les travaux simples d'entretien, de réparation et de construction peuvent être effectués par les propriétaires eux-mêmes ou par l'association, avant une autorisation émise par des autorités compétentes. En entreprenant certains types d'activités qui requièrent une autorisation, l'association doit aussi en avoir une.

Gushyira mu nyubako no gukoresha amazi, amashanyarazi, ibyuma by'itumanaho, ibikoreho by'isuku n'imiyoboro y'imyanda bikorwa na ba nyir'inyubako hakurikijwe amategeko abigenga.

Installation and operation of water, electricity, communication, sanitation and sewage systems in a condominium are effected by the association of property owners in accordance with rules and regulations.

L'installation et l'usage d'eau, d'électricité, de système de communication, d'hygiène et des systèmes d'évacuation dans un immeuble en copropriété sont effectués par l'association des propriétaires selon leurs règles et règlements.

Ingingo ya 10: Uburenganzira bw'ishyirahamwe

Iyo uburenganzira bw'ishyirahamwe butabangamira uburenganzira n'inyungu bya ba nyir'inyubako, bumwe mu burenganzira ishyirahamwe rigira hakubiyemo:

- a) Kugirana amasezerano n'abantu ku giti cyabo cyangwa ibigo bifite ubuzima gatozi yo kwita ku bice byo mu nyubako bihuriweho n'ishyirahamwe;
- b) Kwita ku mirimo ijyanye n'inyubako mu isangiramutungo ku nyubako;
- c) Kugaragaza ku mwaka ibyinjiye n'ibyasohotse, harimo n'ibyatanzwe mu gusana no kwita ku bice bihuriweho mu nyubako;
- d) Gushyiraho amafaranga asabwa abanyamuryango n'ayo bakurwaho ngo ashyirwe mu kigeza cyo kwitabaza mu gihe habaye ikiza cyangwa ibindi byasaba amafaranga biteganywa n'amategeko shingiro agenga ishyirahamwe;

Article 10: Rights of the Association

When the rights of the association do not involve the violation of rights and interests of property owners, the association has the right to, but not limited to:

- a) Conclude contracts for administering and /or servicing the common elements belonging to the association, with any physical or legal person regardless of their ownership type;
- b) Organize on its own the servicing of the real property in condominium;
- c) Develop the annual statement of income and expenditures, including the costs for maintaining and repairing the common elements;
- d) Introduce special membership fees and deductions for the reserve fund to be used for dealing with the consequences of calamities and costs for other purposes established by the Articles of Association or by-laws;

Article 10 : Droits de l'association

Quand les droits de l'association ne comportent pas la violation des droits et des intérêts des propriétaires, l'association a, entre autres, le droit de:

- a) Signer des contrats pour administrer et/ou entretenir des parties communes appartenant à l'association, avec n'importe quelle personne physique ou morale sans considération de leur type de propriété;
- b) Organiser seule l'entretien de la propriété immobilière au sein de l'immeuble en copropriété;
- c) Développer le rapport annuel des revenus et des dépenses, y compris les coûts pour maintenir et réparer les parties communes;
- d) Mettre en place les frais spéciaux de cotisation des membres et les prélèvements pour le fonds de réserve utilisé pour s'occuper des conséquences suite à des calamités et des coûts pour d'autres fins prévues par les statuts de l'association;

- e) Gushyiraho umubare w'amafaranga asabwa buri wese ufite igice mu nyubako isangiwe, hakurikijwe uruhare rwa buri munyamuryango; e) Establish the quantum of obligatory payments and membership fees due by each property owner, in accordance with the participation co-share of each member; e) Établir le montant de paiements obligatoires et de frais de cotisation dus par chaque copropriétaire, selon la quote-part de chaque membre;
- f) Kugira imirimo bakorera cyangwa gufasha abanyamuryango; f) Perform works and provide services for association members; f) Effectuer des travaux et fournir des services pour des membres de l'association ;
- g) Kubona inguzanyo za banki. Ubu burenganzira bugarukira ku bintu bifitiye akamaro ishyirahamwe ry'abarifite umutungo mu gihe nta mafaranga ishyirahamwe rifite muri banki. Inzira ikurikizwa kugira ngo hemezwe gufata inguzanyo ishyirwa mu mategeko shingiro agenga ishyirahamwe; g) Obtain bank credits. The right to obtain credit shall be limited to things that will benefit the Association of Owners and only when there is insufficient liquid cash in the association's accounts. The process for deciding to take credit shall be provided in the by-laws; g) Obtenir des crédits bancaires. Le droit d'obtenir le crédit sera limité aux faits qui bénéficieront à l'association des copropriétaires et seulement quand il n'y a pas assez d'argent liquide sur les comptes de l'association. Le processus de prise de décision de demande de crédit est prévu par les statuts ;
- h) Kwishyura imirimo yakorewe ishyirahamwe hakoreshejwe amafaranga yaryo byubahiriza amasezerano yakozwe; h) Pay from the accounts of the association, on the basis of contracts made, for the services provided and works performed; h) Payer avec les comptes de l'association, sur base des contrats conclus, pour des services fournis et des travaux effectués;
- i) Kugurisha ibikoresho n'undi mutungo w'ishyirahamwe no kubikodesha mu bikorwa by'ubucuruzi n'ibindi bikorwa, kubigurana, kubikodesha cyangwa se kubiherekanya n'abandi hakurikijwe amasezerano y'ikodesha, no kubikura mu bitabo by'ishyirahamwe mu gihe byashajwe; i) Sell and allocate to commercial and non-commercial businesses, exchange, provide into lease, transfer under a lease agreement the equipment, inventory and other materials assets, and to write them off from the books of the association in the event of wear and tear; i) Vendre et assigner l'inventaire et d'autres biens corporels réels à rentabilité élevée, à des entreprises commerciales et non-commerciales, les échanger, les fournir pour le bail, les transférer aux termes d'un accord de bail d'équipement, et pour les supprimer des livres comptables en cas de leur

usure;

- | | | |
|---|---|--|
| j) Kubaka igisenge no gusana ahantu hose hahuriweho ku nyubako byaba bisaba gusenya cyangwa kudasenya hakurikijwe amabwiriza agenga imyubakire ariho; | j) In accordance with the existing construction norms and rules, to perform the construction of over-floors and reconstruction, with or without demolition, of objects of common elements or premises within a condominium; | j) Selon les normes et les règles existantes en matière de construction, construire au-dessus des planchers et reconstruire, avec ou sans démolition, des objets des éléments ou des lieux communs dans un immeuble en copropriété ; |
| k) Gufata imyanzuro ijyanye no gutanga cyangwa kudatanga uburenganzira bwo gutanga inzira ku baturanyi ndetse n'amafaranga ajyanye n'indishyi yatanzwe; | k) Decide on creation or cancellation of easements and allocate related compensation; | k) Décider de la création ou de l'annulation des servitudes et assigner le montant de l'indemnisation y relative; |
| l) Gusaba ba nyir'umutungo gutanga amafaranga yose ajyanye n'igihombo cyose cyatewe no kutishyura amafaranga bategetswe gutanga kubera imirimo yo kwita no gusana ahantu hahuriweho mu nyubako basangiye; | l) Demand from the property owners the entire compensation of losses caused by the non-payment of obligatory fees for communal services, maintenance and repair of common elements within the condominium; | l) Exiger des copropriétaires que l'indemnisation entière des pertes causées par le non-paiement des frais de cotisation obligatoires pour des services communaux, d'entretien et de réparation des parties communes au sein de l'immeuble en copropriété; |
| m)Gutanga ibirego mu nkiko byo kwishyurwa amafaranga ba nyir'umutungo basabwa gutanga mu gihe batishyuye urwo ruhare rwabo ku byatanzwe rusange; | m)To initiate lawsuits for compensation of obligatory payments when the property owners fail to fulfil their obligations as regards their contribution to the common costs; | m)Saisir les juridictions pour les dommages intérêts des paiements obligatoires quand les propriétaires ne respectent pas leurs engagements concernant leur contribution aux dépenses communes ; |
| n) Gushyiraho no kubahiriza amabwiriza | n) Set up and enforce the code of conduct | n) Établir et imposer le code de conduite à |

agenga imyitwarire y'abakodesheje ibice by'inyubako, abandi bahatuye kimwe n'abashyitsi ku bijyanye n'ibice by'inyubako bisangiwe;

on tenants and other residents and guests with regard to the common elements;

l'égard des locataires et autres résidents, invités et visiteurs concernant les parties communes;

o) Gukora indi mirimo no kugira uruhare mu bindi bikorwa birebana n'ishyirahamwe.

o) Perform other activities and be involved in other businesses in line with the purposes of the association.

o) Exécuter d'autres activités et être impliqué dans d'autres affaires qui rentrent dans les objectifs de l'association.

Ingingo ya 11: Inshingano z'ishyirahamwe

Article 11: Obligations of the association

Article 11: Les obligations de l'association

Ishyirahamwe rifite inshingano zikurikira:

The association has the following obligations:

L'association a les obligations suivantes:

a) Kureba ko ibisabwa n'amategeko ndetse n'amategeko-shingiro arigenga yubahirizwa;

a) assure the fulfilment of legal provisions and of its Articles of Association or by-laws;

a) mettre en application les dispositions de ses statuts;

b) Kurangiza inshingano zo mu masezerano yagiranye n'abandi;

b) execute its contractual obligations;

b) exécuter ses engagements contractuels;

c) Kureba ko abanyamuryango bose barangiza inshingano zabo mu bijyanye no kwita no gusana ibice by'inyubako bihuriweho;

c) ensure the fulfilment by all members of the association of their obligations as regards the maintenance and repair of common elements within the condominium;

c) s'assurer que tous les membres de l'association remplissent leurs engagements concernant l'entretien et la réparation des parties communes de l'immeuble en copropriété;

d) Kwita ku isuku no ku mitunganyirize mu bya tekiniiki y'ibice bigize inyubako isangiwe;

d) assure a proper sanitary and technical condition of the common elements within the condominium;

d) assurer un état sanitaire et technique approprié des parties communes de l'immeuble en copropriété ;

- | | | |
|--|--|---|
| e) Kwita ku nyungu z'abanyamuryango bose mu gukoresha ibice bihuriweho by'inyubako; | e) assure the observance of all members interests as regards possession and use of common elements; | e) préserver les intérêts de tous les membres en ce qui concerne la possession et l'utilisation des parties communes; |
| f) Kureba ko abasangiye umutungo basaranganya neza amafaranga yo gusana no kwita ku bice by'inyubako bihuriweho; | f) assure the just distribution among the property owners of costs for maintenance and repair of common elements within the condominium; | f) assurer la distribution juste parmi les copropriétaires des coûts pour l'entretien et la réparation des parties communes de l'immeuble en copropriété; |
| g) Guhagararira inyungu z'abanyamuryango mu gihe habaye amakimbirane n'undi muntu cyangwa ishyirahamwe. | g) Represent the interests of its members in relation to any dispute with any physical or legal entity. | g) Représenter les intérêts de ses membres dans n'importe quel litige avec toute personne physique ou morale. |

Ingingo ya 12: Kuba umunyamuryango w'ishyirahamwe

Article 12: Membership in the association

Article 12: Adhésion dans l'association

Abafite ibice mu nyubako ni abanyamuryango b'ishyirahamwe.

Owners of units within the condominium are members of the association.

Les propriétaires des unités au sein de l'immeuble en copropriété sont des membres de l'association.

Kuba umunyamuryango w'abafite umutungo mu ishyirahamwe bitangira ukimara kwandikwa mu buryo buteganyijwe.

Membership of property owners in the association becomes effective upon the registration of the latter in the manner established.

L'adhésion des copropriétaires dans l'association devient effective à partir du jour de leur inscription dans l'association comme prévu;

Ishyirahamwe rigishyirwaho, abantu bose bagura ibice mu nyubako bahita baba abanyamuryango b'ishyirahamwe bakimara kubona uburenganzira kuri uwo mutungo utimukanwa.

Following the establishment of the association, all persons who purchase units within the condominium shall become members of the association immediately upon acquiring the real estate ownership

Après la création de l'association, toutes les personnes qui acquièrent des unités au sein de l'immeuble en copropriété deviendront des membres de l'association immédiatement après l'acquisition de cette

	right.	propriété immobilière.
Inyungu z'umwana utarageza ku myaka y'ubukure, abamugaye ku mubiri cyangwa mu mutwe zihagararirwa n'ababyeyi babo, abashingire babo cyangwa abacunga umutungo wabo mu buryo buteganywa n'amategeko.	The interests of minor physically impaired and mentally handicapped members of the association are represented by their parents, tutors or trustees in the manner established by the legislation.	Les intérêts des membres mineurs, aliénés mentaux et handicapés de l'association sont représentés par leurs parents, tuteurs ou administrateurs de la façon établie par la loi.
Kuba umunyamuryango bihagarikwa n'urupfu, n'iseswa ry'ishyirahamwe, n'iyimurwa ry'inyubako cyangwa indi mpamvu iteganywa mu mategeko shingiro agenga ishyirahamwe.	Membership in the association is suspended in case of death, dissolution of the legal entity, expropriation of the real property or on other grounds provided in the Articles of Association or by-laws.	L'adhésion dans l'association est suspendue en cas de mort, de dissolution de la personne morale, d'expropriation de la propriété immobilière ou pour d'autres raisons prévues par les statuts de l'association.
Mu gihe cy'urupfu cyangwa ishyirahamwe ryivuguruye, abazungura baba abanyamuryango b'ishyirahamwe uburenganzira bwabo mu isangiranutungo ku nyubako bumaze kwemezwa.	In the event of death or following the reorganization of the legal entity, the successors become members of the association upon confirmation of their ownership right in the condominium.	En cas de décès ou après la réorganisation de la personne morale, les successeurs deviennent des membres de l'association après confirmation de leur droit de propriété au sein de l'immeuble en copropriété.
Mu gihe cy'urupfu rwa nyir'igice runaka mu nyubako isangiwe nta muzungura wemewe mu mategeko cyangwa w'irage uhari, itangwa ry'icyo gice rizakorwa hakurikijwe amategeko agenga ibyerekeye izungura.	In the event of death of the owner of the unit and absence of any legal and testimonial heirs, the allocation of the unit shall be determined in accordance with the succession legislation.	En cas de décès du propriétaire de l'unité en absence de tout héritier et de testament, l'attribution de l'unité sera déterminée selon la législation en matière de succession.

Ingingo ya 13: Imiyoborere y'ishyirahamwe

Imiyoborere y'ishyirahamwe ikurikiza amategeko agenga imiterere y'ishyirahamwe abanyamuryango bashyizeho rikagengwa n'urwego nshingwabikorwa.

Iyo ishyirahamwe rya ba nyir'inyubako ritarengeje abanyamuryango bane (4), riyoborwa n'urwego ruhuriweho na ba nyir'inyubako.

Ingingo ya 14: Ubwishingizi bw'umutungo w'ishyirahamwe

Ishyirahamwe rishobora kwishingira umutungo icyawangiriza icyo aricyo cyose.

Ba nyir'ibice byo mu nyubako babifatira ubwishingizi ku bwabo.

Iyo umutungo wo mu nyubako isangiwe ufite ubwishingizi wangiritse, amafaranga y'ubwishyu bw'ubwishingizi yishyurwa ishyirahamwe cyangwa ku muntu urihagarariye ubifitiye ububasha ngo akoreshe mu nyungu za ba nyirayo n'iz'abo babereyemo umwenda.

Article 13: Administration of the Association

The administration of the Association follows the rules and laws governing the form of association set up by members and shall be managed by an executive board.

When the Association of owners comprises four (4) owners or less, it will be managed by the owners' college.

Article 14: Insurance of the association property

The association may insure its property against any physical damages.

The owners of units within the condominium shall obtain insurance on their own for their property.

In the case when the condominium's insured property has been damaged, the insurance payment shall be paid to the association or to its specially authorized representative, to be used in the interests of property owners and the creditors.

Article 13: Administration de l'association

L'administration de l'association suit les règles et les lois régissant la forme de l'association établies par des membres et sera administrée par un conseil exécutif.

Dans le cas où l'association des propriétaires comporte quatre (4) membres ou moins, elle sera contrôlée par le collège des copropriétaires.

Article 14: L'assurance du patrimoine de l'association

L'association peut assurer son patrimoine contre tous les dommages physiques.

Les propriétaires des unités au sein de l'immeuble en copropriété prennent l'assurance pour leurs biens propres à leurs frais.

En cas de dommage sur les biens propres assurés de l'immeuble en copropriété, le paiement d'indemnités d'assurance sera accordé à l'association ou à son représentant dûment autorisé, pour être utilisées dans l'intérêt des copropriétaires et des créanciers.

Umubare w'amafaranga y'indishyi y'ibyangirijwe n'impanuka cyangwa Ibiza akoreshwa mu gusana ibice bihuriweho mu nyubako isangiwe mu gihe isangiramutungo ku nyubako ritasheshwe biturutse kuri bene izo mpanuka.

The amount of insurance payments obtained for the compensation of damages caused by accidents and calamities shall be used only for the rehabilitation and repair of common elements within the condominium, where the condominium has not been liquidated as the result of such accidents.

Le montant d'indemnités d'assurance obtenu pour l'indemnisation des dommages provoqués par des accidents et des calamités sera utilisé seulement pour la réhabilitation et la réparation des parties communes au sein de l'immeuble en copropriété, quand ce dernier n'a pas été dissous comme résultat desdits accidents.

Muri icyo gihe uwakiriye indishyi ariwe ishyirahamwe cyangwa urihagarariye mu mategeko agomba kugabanya amafaranga y'indishyi abo babereyemo imyenda bari bafite ingwate ku nyubako isangiwe hakurikijwe amategeko.

In such a case the beneficiary of the compensation, i.e. the association or its authorized representative shall distribute the compensation funds among the creditors which granted credits secured by the property under the condominium, in accordance with the legislation.

En ce cas le bénéficiaire des indemnités, c'est-à-dire l'association ou son représentant dûment autorisé distribuera les fonds d'indemnisation parmi les créanciers qui ont accordé des crédits garantis par la propriété se trouvant au sein de l'immeuble en copropriété, selon les prévisions de la loi.

Amafuranga asagutse hamaze kwishyurwa imyenda yose ivugwa mu mategeko agabanywa ba nyir'umutungo hakurikijwe imigabane buri wese afite mu isangiramutungo ku nyubako.

The funds that remain after the payment of all payments defined by the legislation shall be distributed among the property owners in proportion to their co-share of participation in the condominium.

Les fonds qui restent, après le remboursement de tous les paiements exigés par la loi en vigueur, sont distribués parmi les propriétaires proportionnellement à leur quote-part au sein de l'immeuble en copropriété.

Ingingo ya 15: Ivugururwa n'iseswa ry'ishyirahamwe

Article 15: Reorganization and dissolution of the association

Article 15: Réorganisation et dissolution de l'association

Ivugururwa n'iseswa by'ishyirahamwe bikorwa ku mpamvu no mu buryo biteganywa n'amategeko ariho agenga imiterere y'ishyirahamwe.

Reorganization and dissolution of the association is done on the ground and in the manner established by the active legislation governing the form of association.

La réorganisation ainsi que la dissolution de l'association sont faites sur base et de la façon établie par la loi en vigueur régissant l'association.

Ishyirahamwe riseswa n'icyemezo cy'inama rusange mu gihe inyubako iri mu isangiramutungo yaseniyutse.

The association is dissolved by the decision of the general meeting in the event of physical destruction of the property under the condominium.

L'association est dissoute par la décision de l'assemblée générale en cas de la destruction physique de la propriété inclus dans l'immeuble en copropriété.

Mu gihe ishyirahamwe ryasheshwe, umutungo utimukanwa n'ibindi bintu byasagutse hamaze kwishyurwa amafaranga yo ku ngengo y'imari, amabanki n'abandi baberewemo imyenda agabanywa abanyamuryango b'ishyirahamwe hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko shingiro arigenga.

Where the association has been dissolved, the real property and other assets left after paying off the budget, banks and creditors, shall be distributed among members of the association in the manner established in the Articles of Association or by-laws.

En cas de dissolution de l'association, les biens immobiliers restant après le remboursement du budget, des banques et des créanciers est distribué entre les membres de l'association de la manière prévue par ses statuts.

UMUTWE WA III: AMASANO KU MUTUNGO MU ISANGIRAMUTUNGO KU NYUBAKO, UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'ABAWUSANGIYE.

CHAPTER III: PROPERTY RELATIONS UNDER A CONDOMINIUM AND RIGHTS AND OBLIGATIONS OF THE PROPERTY OWNERS

CHAPITRE III: RELATIONS DE PROPRIÉTÉ DANS L'IMMEUBLE EN COPROPRIÉTÉ, DROITS ET OBLIGATIONS DES COPROPRIÉTAIRES

Ingingo ya 16: Ihererekanya ry'ibice bigize inyubako isangiwe

Article 16: Transferability of units in a condominium

Article 16 : Transférabilité des unités d'un immeuble en copropriété

Abafite ibice mu nyubako isangiwe bafite uburenganzira bwo kugurisha, gukodesha ndetse cyangwa kubikoresha mu bikorwa byose by'ubucuruzi byemewe n'amategeko.

The owners of units in a condominium have the right to sale, lease, mortgage or submit them to any legal transaction.

Les propriétaires des unités d'un immeuble en copropriété ont droit de les vendre, les donner en bail et en hypothèque ou peuvent s'en servir dans toute transaction juridique.

Ingingo ya 17: Aho uburenganzira bugarukira

Abafite ibice bidatuwemo bafite uburenganzira bwo gukorera imirimo y'ubucuruzi bapfa kubahiriza ibiteganywa n'amategeko, ibiteganywa mu gutegura aho kwisukurira, uburyo bwo kwirinda inkongi y'umuriro n'ibindi. Ibyo ntibigomba kubangamira uburenganzira bw'abandi bafite ibice muri iyo nyubako kandi bigomba kubahiriza amategeko shingiro agenga ishyirahamwe.

Nyamara amategeko shingiro agenga ishyirahamwe ashobora kugabanya uburenganzira bwo gukoresha ibice by'inyubako bitagenewe guturwamo bifitwe n'abanyamuryango b'ishyirahamwe mu gihe hari impamvu zumvikana zo kurinda uburenganzira n'inyungu z'abandi bantu bafite umutungo muri iyo nyubako.

Ingingo ya 18: Umutungo usangiwe

Ibice bihuriweho n'abantu mu isangiramutungo ku nyubako hakubiyemo ibice byose by'iyi nyubako bihuriweho n'abantu barenze umwe, cyane cyane nk'ubutaka iyo nyubako iriho, ibikuta, igisenge, amabaraza, imiyoboro

Article 17: Limitations of rights

Owners of non-residential premises have the right to carry out entrepreneurial activity within the premises they own on condition of their observance of legal provisions, sanitary norms, fire-prevention norms, etc. and without undermining the rights of other property owners and observing the provisions of Articles of Association or by-laws.

Nevertheless, the Articles of Association may constrain the right of use in relation to non-residential premises within the condominium which are the property of association members only when such constraint is justified in terms of protecting the rights and interests of other property owners.

Article 18: Property in common ownership

The common elements in a condominium include all the parts of the property which are in common ownership, such as: land on which the building/s stays, the walls, roof, terraces, chimneys, stairs, halls, basements and technical floors, garbage conduit, lifts,

Article 17 : Limitations des droits

Les propriétaires des unités non résidentielles ont le droit d'entreprendre une activité au sein de leurs propriétés pourvu qu'ils respectent des dispositions légales, des normes sanitaires, des normes de prévention d'incendie, etc. Ils ne doivent pas empiéter sur les droits d'autres propriétaires tout en observant les statuts.

Néanmoins, les statuts de l'association peuvent limiter la jouissance des droits inhérents aux unités non résidentielles au sein de l'immeuble en copropriété si et seulement si cette limitation est justifiée par la protection des droits ainsi que des intérêts d'autres propriétaires.

Article 18 : Biens en copropriété

Les parties communes au sein d'un immeuble en copropriété incluent toutes parties de la propriété qui sont communes, telles que: le terrain de construction, les murs, le toit, les terrasses, les cheminées, les escaliers, les halls, les sous-sols et les

y'imyotsi, ingazi, ibyumba binini, ibice by'inyubako biri mu nsi y'ubutaka n'amagorofa akorerwamo ibya tekini, imiyoboro y'imyanda, ibyuma bizamukamo abagenzi, ahabikwa ibyuma bikoreshwa na ba injenyeri haba imbere mu nyubako cyangwa hanze yayo bikoreshwa ku bice by'inyubako nibura bibiri, ubutaka buhana imbibi n'inyubako kimwe n'ibimera bihari cyangwa ibindi bintu bikoreshwa n'inyubako isangiwe.

Ingingo ya 19: Uburenganzira ku mutungo usangiwe

Ibintu bihuriweho mu isangiranutungo ni umutungo usangiwe w'ababiteranyije.

Ibintu bihuriweho mu isangiranutungo ku nyubako ntabwo bishobora gutandukanywa n'ubundi burenganzira ku mutungo w'ibice bigize inyubako.

Hakoreshejwe amasezerano ya ba nyir'umutungo, ibintu bihuriweho mu isangiranutungo bishobora guhabwa umuntu umwe cyangwa abantu benshi nk'ingwate byubahirije uburenganzira n'inyungu by'ababifiteho uburenganzira bwemewe mu mategeko.

engineering equipment and facilities from inside and outside units and/or building which service more than one unit, adjacent land within the established boundaries with the green perennials thereto and other objects designed to service the property under condominium.

Article 19: Property rights on common ownership

The common elements under a condominium are in the common possession of co-share owners.

The common elements under a condominium cannot be alienated separately from the ownership right in the units which are within the condominium.

By agreement of property owners, the objects of common elements may be transferred for a charge, in the use of one or more persons, provided that the rights and interests of the legal owners are observed.

planchers techniques, conduit d'ordures, ascenseurs, équipement technique et d'autres aménagements tant à l'intérieur qu'à l'extérieur des unités et/ou des bâtiments qui sont au service de plus d'une unité, terrain contigu dans les limites établies avec leurs jardins ainsi que d'autres objets servant pour l'entretien de la propriété au sein de l'immeuble en copropriété.

Article 19: Droits sur les biens en copropriété

Les parties communes au sein d'un immeuble en copropriété sont dans la possession commune des copropriétaires.

Les parties communes sous un immeuble en copropriété ne peuvent pas être aliénées séparément du droit de propriété sur les unités qui sont au sein de l'immeuble en copropriété.

Par accord des propriétaires, les objets des parties communes peuvent être transférés pour une charge légale, pour l'utilisation par une ou plusieurs personnes, à condition d'observer les droits et les intérêts des propriétaires légaux.

Ikibanza gihana imbibi kimwe n'undi mutungo uhuriweho mu isangiramutungo ku nyubako bishobora gukoreshwa mu buryo budasesuye n'abandi bantu.

The adjacent land plot and other property in common ownership under a condominium may be encumbered by the right of limited use of other persons.

La parcelle adjacente et toute autre bien en copropriété au sein de l'immeuble en copropriété peuvent être grevés d'un droit d'usage limité reconnu à d'autres personnes.

Umwe muri ba nyir'umutungo uhuriweho nta burenganzira afite bwo gusaba ko igice cy'ikibanza cyatandukanywa n'ibindi bintu biri mu mutungo uhuriweho.

The owner who has a share in the common elements under condominium does not have the right to require the separation of a part from the land plot and the property which are the common elements.

Le propriétaire qui a une part dans les parties communes sous l'immeuble en copropriété n'a pas le droit d'exiger la séparation d'une partie de la parcelle et des biens qui sont des parties communes.

Ingingo ya 20: Uruhare mu isangiramutungo ku nyubako

Article 20: Co-share of participation in a condominium

Article 20: Quote-part au sein de l'immeuble en copropriété

Uruhare buri wese agomba kugira ku mutungo uhuriweho mu isangiramutungo ku nyubako rungana n'ubuso bwose bufitwe na nyir'umutungo, keretse inama rusange yarafashe icyemezo kibiteganywa ukundi.

The participation co-share of each owner in the common elements under condominium is proportional to the total surface area of the units possessed by the owner, unless the decision of the general meeting taken states otherwise.

La quote-part de chaque propriétaire dans les parties communes au sein de l'immeuble en copropriété est proportionnelle à toute la superficie des unités en sa possession, à moins qu'une décision de l'assemblée générale l'ait stipulé autrement.

Abafite umutungo babyumvikanyeho, uruhare rwa buri wese rushobora kugaragazwa ku buryo butandukanye ku matsinda y'abantu bafite umutungo mu isangiramutungo bitewe n'imiterere y'ibice bafite mu nyubako.

By agreement of property owners, the participation co-share may be established differently for various groups of property owners, depending on the types of units that the latter have in the condominium.

Par accord des copropriétaires, la quote-part peut différer suivant les différents groupes de copropriétaires, selon les types d'unités que les derniers possèdent au sein de l'immeuble en copropriété.

Uruhare rw'umuntu mushya winjiye mu basangiye umutungo rungana n'urw'uwo

The participation co-share of the new property owner in the common elements is

La quote-part du nouveau propriétaire dans les parties communes est égale à celle de

asimbuye.

equal to the co-share of the previous owner. son prédecesseur.

Ingingo ya 21: Ihinduka mu isangiramutungo ku nyubako

Abafite umutungo mu isangiramutungo ku nyubako ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi bashobora kwemeza kuvugurura imikomerere y'inyubako n'ubwiza bwayo harimo n'ibyangombwa by'ibanze nk'ibyuma bishyushya amazi, ibishyushya mu nzu, ibizamura abantu n'ibindi nk'ibyo. Ibyo bakora byose, inyubako igomba gukomeza kugaragara nk'aho ari imwe.

Article 21: Modification in a condominium

The association of property owners by a majority of 2/3 of the votes may decide upon the improvement of building comfort and efficiency, including of the primary facilities, such as: hot water boilers, central heating, lifts and other similar facilities. Regardless of the nature of the intervention, the harmonious and unitary aspect of the whole building should be preserved.

Article 21: Modification au sein d'un immeuble en copropriété

L'association des propriétaires à une majorité de 2/3 des voix peut décider de l'amélioration du confort et l'efficacité du bâtiment, y compris celle des équipements de base tels que: chauffe-eau, chauffage central, ascenseurs et d'autres équipements semblables.

Indépendamment de la nature de l'intervention, l'aspect harmonieux et unitaire du bâtiment entier devrait être préservé.

Nyir'umutungo ashobora kuvugurura cyangwa guhindura igice cye ariko atangirije inyubako muri rusange cyangwa ibice bitunzwe n'abandi cyangwa aho ibikoresho by'abenjenyeri bishyirwa. Nyir'umutungo ntashobora guhindura isura y'ibintu rusange atabifitiye uruhushya rw'ishyirahamwe ry'abafite umutungo mu isangiramutungo ku nyubako.

The property owner may make improvements or modifications in relation to his unit without undermining the structural integrity of the building or other owners' premises, or in relation to engineering facilities proceeding from his technical possibilities. The property owner cannot change the aspect of the common elements without receiving prior authorization from the association of property owners.

Le propriétaire peut apporter des améliorations ou des modifications à son unité sans changer la structure intégrale du bâtiment ou des lieux appartenant à autrui ou par rapport aux équipements techniques. Le propriétaire ne peut pas changer l'aspect des parties communes sans recevoir l'autorisation préalable de l'association des copropriétaires.

Ibikuta by'ahantu hahana imbibe ariko bidafata kunyubako bishobora kwimurwa abafitemo umutungo bireba

The walls of the adjacent premises which are not part of the supporting structure of the building may be relocated by

Les murs des lieux contigus qui ne font pas partie de la structure porteuse du bâtiment peuvent être déplacés par accord des

babyumvikanyeho kandi bakabimenyeshya ishyirahamwe ry'abafitemo umutungo bose. Inkuta ziri hagati y'ibice n'ahantu hahuriweho bidafashe inyubako bishobora kwimurwa abafitemo umutungo babyumvikanyeho gusa.

agreement of the owners of the premises involved and notification to the association of property owners. The walls between the premises and the common elements, which are not part of the supporting structure of the building, may be relocated only by agreement of the association of property owners.

propriétaires des lieux concernés et en informer l'association des copropriétaires. Les murs se trouvant entre les lieux et les parties communes qui ne font pas partie de la structure porteuse du bâtiment peuvent être déplacés par le simple accord de l'association des propriétaires.

Kuvugurura no gusana inyubako bigomba gukorwa bikurikije ibishushanyo mbonera, n'ubuyobozi bubifitiye ububasha kandi bishingiye ku byizwe mu rwego rwa tekini n'impuguke zemewe zibisabwe n'ishyirahamwe ry'abafite umutungo mu isangiramutungo mbere yo kwemezwa n'ubwo buyobozi.

Reconstruction and improvement of the buildings shall be done in compliance with the duly approved design documents, by competent authority, and on the basis of technical surveying made by certified experts at the request of the association of property owners and prior to authorization by the competent authority.

La reconstruction et l'amélioration doivent se conformer aux documents de conception dûment approuvés, par l'autorité compétente, et sur base des examens techniques menés par les experts certifiés sur demande de l'association des propriétaires et avant l'autorisation par l'autorité compétente.

Ingingo ya 22: Kurinda uburenganzira bw'umuguzi w'igice cyo mu isangiramutungo ku nyubako.

Article 22: Safeguarding the rights of purchaser of units in a condominium

Article 22: Protection des droits d'un acheteur d'unité au sein d'un immeuble en copropriété

Mu gihe habayeho ihererekanya ry'igice cy'isangiramutungo ku nyubako, inshingano n'uburenganzira by'uware agifite byimukira ku muntu ubonye icyo gice.

In case of alienation of units, the new property owner becomes a successor and takes over all the rights and obligations of the former owner in the condominium.

En cas d'aliénation d'unités, le nouveau propriétaire devient successeur et acquiert tous les droits et engagements de l'ancien propriétaire au sein de l'immeuble en copropriété.

Iyo habaye igurishwa ry'igice kimwe mu isangiramutungo ku nyubako, impande zombi zumvikana ku birebana n'imyenda yaba yarasigawemo irebana n'imirimu ya ngombwa n'ibindi byakoreshejwe. Iyo

When the parties make an agreement of sale in relation to the unit, they also stipulate the terms for settling outstanding debts for utilities and other services. Otherwise the outstanding debts shall

Quand les parties se conviennent sur la vente d'une unité, elles doivent également régler les modalités de remboursement des dettes restantes dues aux divers services. Dans le cas contraire, ces dettes restantes

ntacyo babivuzeho, iyo myenda obligatorily pass to the purchaser.
yishyurwa n'uwaguze.

passeront obligatoirement à l'acheteur.

Ingingo ya 23: Inshingano za nyir'igice ku birebana no kwita no gusana igice cy'isangiramutungo ku nyubako

Article 23: Obligations of the property owner as regards maintenance and repair of a unit in condominium

Article 23: Obligations du propriétaire eu égard à l'entretien et la réparation d'une unité dans l'immeuble en copropriété

Nyir'igice mu isangiramutungo ku nyubako agomba ubwe gufata neza no gusana ibice atunze. Nta burenganzira afite bwo kwangiriza cyangwa kugira ibibazo yateza ibice bihuriweho cyangwa se igice gitunzwe n'undi muntu.

The property owner in a condominium is obliged to ensure at his own account the proper maintenance and timely repair of the units he owns. The property owner in a condominium is not allowed to deteriorate or otherwise endanger the common elements and the property of any other property owner.

Le propriétaire au sein d'un immeuble en copropriété doit se charger du maintien approprié et de la réparation à temps de ses unités. Il n'a pas droit de détériorer ou de mettre en danger de quelque manière que ce soit autrement les parties communes et la propriété d'aucun autre propriétaire.

Mu gihe yabonye integuza nibura y'iminsi itanu, nyir'igice cy'isangiramutungo ku nyubako agomba kwemerera abahagariye ishyirahamwe kwinjira mu gice cye iyo bibaye ngombwa ko hari igezurwa rihakorera, ko ibintu bihuriweho byasanwa cyangwa byasimburwa kandi inzira iboneka iri muri icyo gice cyangwa ibyo bice gusa. Iyo byihutirwa kugira ngo hirindwe ingaruka mbi cyangwa ibiza, nta nteguza itangwa.

Subject to a 5 days prior notification, the property owner is obliged to allow access to his unit to representatives of the association when it becomes necessary to perform an inspection, repair or replacement of common elements and when such access is possible only from within his unit/s. In case of emergency, in order to prevent or liquidate any dire consequences or calamities no prior notification shall be produced.

Sujet à un avis préalable de 5 jours, le propriétaire est obligé de permettre l'accès à son unité aux représentants de l'association quand il devient nécessaire d'inspecter, de réparer ou de remplacer des parties communes et qu'un tel accès n'est possible qu'à partir de son unité. En cas d'urgence et pour éviter de graves conséquences ou calamités, l'exigence d'un avis préalable est écartée.

Iyo nyir'igice cyangwa abo bagisangiye bangirije igice cy'abandi cyangwa ibintu bihuriweho bagomba kuriha ibyangiritse

If the property owner or his co-tenants have damaged the property of other owners or the common elements, they are obliged

Si le propriétaire ou ses co-locataires ont endommagé la propriété d'autrui ou des parties communes, ils sont obligés

	to compensate the damages caused.	d'indemniser le préjudice causé.
Ba nyir'ibintu bagira uruhare mu gusana no gufata neza ibintu bihuriweho mu isangiramutungo ku nyubako mu buryo buteganywa mu mategeko shingiro agenga ishyirahamwe.	The property owners contribute to the costs for maintenance and repair of common elements in a condominium in the manner prescribed by the Articles of Association or by-laws.	Les propriétaires contribuent aux dépenses d'entretien et de réparation des parties communes d'un immeuble en copropriété de la façon prescrite par les statuts de l'association.
Kuba nyir'igice runaka adakoresha igice cye cyangwa ibintu bihuriweho cyangwa kuba yanga kubikoresha ntibiba impamvu yo kutishyura uruhare rwe mu gusana no gufata neza ibintu bihuriweho mu isangiramutungo ku nyubako.	Non-use by the owner of his unit or his refusal to use common elements shall not be reason enough to exempt him, either fully or partially, from contributing to the common costs for maintenance and repair of common elements under a condominium.	Un propriétaire d'unité ne peut pas se disculper derrière la non utilisation ou son refus d'utiliser son unité pour être exonéré du paiement partiel ou total de ses contributions aux dépenses d'entretien et de réparation des parties communes au sein d'un immeuble en copropriété.
Ba nyir'ibice mu isangiramutungo basabwa gukoresha ibyo bice byabo icyo byagenewe nk'uko biteganywa n'aya mabwiriza.	The property owners are obliged to use their units and common elements only in compliance with their designation and conditions use, within the scope of the present instructions.	Les propriétaires sont obligés d'utiliser leurs unités et parties communes seulement conformément à leurs seules désignation et conditions d'utilisation, selon les prévisions des présentes instructions.
<u>Ingingo ya 24:</u> Gutanga cyangwa guhabwa inzira ku mutungo utimukanwa	<u>Article 24:</u> Easements	<u>Article 24 :</u> Servitudes
Ku birebana na buri gice cyo mu isangiramutungo ku nyubako:	In respect of every unit of a condominium, there shall be implied:	Pour chaque unité au sein d'un immeuble en copropriété, il est sous entendu que:
a) Nyir'igice cy'inyubako n'ibigishamikiyeho agira:	a) In favour of the proprietor thereof, and as appurtenant thereto:	a) En faveur d'un fonds dominant et ses accessoires:

- | | | |
|---|---|--|
| <p>i) Uburenganzira ku bikuta bifashe ku gice cye byaba biri mu bintu rusange cyangwa se ibiri ku kindi gice bishobora gukoreshwa gutyo;</p> <p>ii) uburenganzira ku nzira yo gucamo cyangwa ku nzira y'amazi, y'imyamba, ku migende y'amazi, ya gazi, y'amashanyarazi, y'imyanda yakoreshejwe, y'umwuka washyuhijwe cyangwa wakonjeshejwe n'ibyuma ndetse no ku bindi bikorwa (harimo nk'ibijyanye na telefoni, radiyo na televiziyo) binyuze mu matiyo cyangwa mu nsinga cyangwa indi miyoboro biri mu kibanza kirimo iyo nyubako iri mu isangiramutungo kandi bigamije gutuma icyo gice cy'isangiramutungo ku nyubako kibikoresha;</p> <p>b) Nyir'igice kigomba gutanga inzira agomba:</p> <p>i) Gutanga inzira n'uburenganzira ku bikuta bifashe ku gice cye byaba biri mu bintu rusange cyangwa se ibiri ku kindi gice bishobora gukoreshwa gutyo;</p> | <p>i) An easement for the subjacent and lateral support thereof, by the common elements and by every other unit capable of affording support thereto;</p> <p>ii) Easements for the passage or provision of water, sewerage, drainage, gas, electricity, garbage, artificially heated or cooled air, and other services (including telephone, radio and television services) through or by means of any pipes, wires, cables or ducts for the time being existing in the land to which the relevant registered condominium plan relates, to the extent to which such pipes, wires, cables or ducts are capable of being used in connection with the enjoyment of such unit;</p> <p>b) As against the proprietor thereof and to which it shall be subject:</p> <p>i) an easement for the subjacent and lateral support of the common elements and of every other unit capable of enjoying support from such unit;</p> | <p>i) il y a une servitude pour le soutènement d'en bas, par les parties communes et par chaque autre unité capable d'en supporter un ;</p> <p>ii) Les servitudes pour le passage ou la fourniture d'eau, de système d'égouts, de drainage, de gaz, d'électricité, d'ordures, de climatiseur et d'autres services (dont celui de téléphone, de radio et de télévision) par ou au moyen de tous les tuyaux, câbles ou conduits se trouvant en ce moment-là dans la parcelle à laquelle correspond le plan de l'immeuble en copropriété enregistré dans la mesure où ces derniers sont capables d'être utilisés en rapport avec la jouissance d'une telle unité;</p> <p>b) Quant au propriétaire du fonds servant, il sera sujet à:</p> <p>i) une servitude pour le soutènement sous-jacent et latéral des parties communes et de toute autre unité capable d'en avoir un à partir de ladite unité ;</p> |
|---|---|--|

ii) Gutanga inzira yo gucamo cyangwa inzira y'amazi, y'imyamba, ku migende y'amazi, ya gazi, y'amashanyarazi, y'imyanda yakoreshejwe, y'umwuka washyuhijwe cyangwa wakonjeshejwe n'ibyuma ndetse no ku bindi bikorwa (harimo nk'ibijyanye na telefoni, radiyo na televiziyo) binyuze mu matiyo cyangwa mu nsinga cyangwa indi miyoboro biri muri icyo gihe cye nk'ibigishamikiyeho ku bintu bihuriweho no kuri buri gice cy'inyubako iri mu isangiramutungo gishobora kubikoresha.

ii) easements for the passage or provision of water, sewerage, drainage, gas, electricity, garbage, artificially heated or cooled air, and other services (including telephone, radio and television services) through or by means of any pipes, wires, cables or ducts for the time being existing within such unit, as appurtenant to the common elements and to every other unit capable of enjoying such easements.

ii) les servitudes de passage ou d'approvisionnement en eau, de système d'égouts, de drainage, de gaz, d'électricité, d'ordures, de climatiseur, et d'autres services (comme celui de téléphone, de radio et de télévision) par ou au moyen de tous les tuyaux, fils, câbles ou conduits existant en ce moment-là au sein d'une telle unité, comme accessoire aux parties communes et à chaque autre unité capable de jouir de telles servitudes.

Nyir'igice mu isangiramutungo ku nyubako afite uburenganzira bwo kugira igice gitwikiriwe n'ibindi bice bisigaye by'inyubako mu buryo bwose bushoboka.

The proprietor of a unit shall be entitled to have his unit sheltered by all such parts of the building as are capable of affording shelter thereto.

Le propriétaire d'une unité a droit d'avoir son unité couverte par n'importe quelle partie du bâtiment qui puisse servir à cette fin.

Uburenganzira buvugwa mu gace ka (b) ni uburenganzira ku mutungo utimukanwa w'undi butangwa n'ibice byavuzwe haruguru kandi buha nyir'igice kibuhawe ubushobozi bwo kujya ku gice cyabwambuwe no gusimbuza, kuvugurura cyangwa gusihyiraho isakaro rishya.

The right created by subsection (b) shall be an easement to which the aforesaid parts of the building shall be subject and such easement shall entitle the proprietor of the dominant tenement to enter on the servant tenement to replace, renew or restore any shelter.

Le droit mentionné au point (b) est une servitude dont sont grevées les parties susmentionnées du bâtiment et une telle servitude donne droit au propriétaire du fonds dominant d'accéder au fonds servant pour remplacer, renouveler ou rétablir n'importe quelle partie de la toiture.

Uburenganzira n'inshingano byose

All ancillary rights and obligations

Tous les droits et obligations relatifs à la

bishamikiyeho kandi bikenewe ngo uburenganzira ku mutungo utimukanwa w'undi bwubahirizwe bizakoreshwa mu bijyanye na bene ubwo burenganzira buvugwa muri iyi ngingo. reasonably necessary to make easements effective shall apply in relation to easements implied or created by this section Article. mise en application de ces servitudes sont d'application pour rendre les servitudes inspirées ou créées par cet article.

Ubundi burenganzira ku mutungo utimukanwa w'undi bushyirwaho n'inama rusange y'abafite umutungo mu isangiramutungo ku nyubako. The creation of other easements is decided by the general meeting of property owners. La création d'autres servitudes est décidée par l'assemblée générale des propriétaires.

Ingingo ya 25: Impapuro zigaragaza isangiramutungo ku nyubako n'isoreshwa ryayo. **Article 25: Condominium titles and taxation** **Article 25: Titres de propriété et impôts relatifs à l'immeuble en copropriété**

Buri gice cy'isangiramutungo ku nyubako hamwe n'ibintu bihuriweho n'abandi gifatwa nk'agace kihagije k'umutungo utimukanwa. Each unit together with its common element interest constitutes for all purposes a separate parcel of real estate. Chaque unité ainsi que son intérêt en parties communes constitue un bien immobilier à part entière.

Buri gice cy'isangiramutungo ku nyubako hamwe n'inyungu gifite ku bintu bihuriweho n'abandi, kibarirwa kandi kikakwa imisoro ukwacyo, bitabaye ibyo umutungo utimukanwa urimo isangiramutungo ku nyubako wabarirwa kandi ukakwa imisoro mu buryo ubwo aribwo bwose buteganywa n'amategeko. Each unit together with its common element interest, shall be separately taxed and assessed; otherwise, the real estate comprising the condominium may be taxed and assessed in any manner provided by law. Chaque unité ainsi que son intérêt en parties communes, sera évaluée et imposée séparément; dans le cas contraire, la propriété immobilière abritant l'immeuble en copropriété pourrait être imposée et évaluée de n'importe quelle façon prévue par loi.

Ingingo ya 26: Amafaranga agomba kwishyurwa

Nyir'umutungo mu isangiramutungo ku nyubako yishyura umusoro ku mutungo utimukanwa. Iyo icyo gice gikoreshwa mu bindi bikorwa bibyara inyungu, nyiracyo yishyura n'indi misoro iteganywa n'amategeko.

Ba nyir'umutungo bishyura imirimo rusange bakorewe hakurikijwe amasezerano bagiranye.

Ba nyir'umutungo, abakodesha n'abakodesha bagura nibo baryozwa kutishyurira ku gihe ibice batunze cyangwa bakodesha. Inama rusange y'ishyirahamwe ishobora kwemeza ko hakurikijwe amasezerano y'ubukode cyangwa y'ikodesha gurisha hakwishyurwa amafaranga amwe n'amwe kuri konti y'ishyirahamwe; nk'ayo kwita no gusana ibintu bihuriweho n'igice cy'imirimo rusange. Ayo mafaranga yishyurwa kubera imirimo rusange akusanywa hakurikijwe amasezerano hagati y'ishyirahamwe n'abakora iyo mirimo, hanyuma ayakozwe hagati ya ba nyir'umutungo n'ishyirahamwe.

Ingano y'ayo mafaranga buri

Article 26: Obligatory payments in a condominium

The property owner in a condominium pays the real estate tax and where the owner's units are used for producing profit he shall pay other taxes established by the legislation.

The property owners pay for the communal and other services rendered to them, in accordance with their agreement.

Property owners, tenants and lessees carry liability for not paying on time for the units they own or rent. The general meeting of the association members may provide for the possibility of making certain payments under a lease or rent agreement, such as payments for maintenance and repair of common elements, for a portion of the communal services, directly to the account of the association. Collection of payments for communal and other services is made on the basis of a contract made between the association and service providers; and further, between the property owners and the association.

The volume of obligatory payments due by

Article 26: Paiements obligatoires dans un immeuble en copropriété

Le propriétaire d'unité au sein d'un immeuble en copropriété paye l'impôt immobilier ; en cas d'unités exploitées pour des fins lucratives, il est tenu de payer d'autres impôts prévus par la loi.

Les propriétaires payent pour les services communs et autres services leur fournis, conformément au contrat conclu.

Les propriétaires d'unités, les locataires et les locataires-bailleurs sont responsables en cas de retard de paiement pour les unités qu'ils possèdent ou louent respectivement. L'assemblée générale des membres d'association peut prévoir la possibilité de virer certains paiements en vertu d'un contrat de location ou de location-vente, tel que des frais d'entretien et de réparation des parties communes, pour une partie des services communs, directement sur le compte de l'association. La collection de paiements pour les services communs et autres est effectuée sur base d'un contrat conclu entre l'association et les fournisseurs de service; et par après, entre les propriétaires d'unités et l'association.

Le montant de paiements obligatoires

nyir'umutungo ategetswe kwishyura ajoyanye no gusana no kwita ku bintu bihuriweho abarwa hakurikijwe uruhare rwe mu mutungo rusange rw'isangiramutungo ku nyubako.

each property owner for the maintenance and repair of common elements is determined proportionally to the co-share of this property owner in the common elements in condominium.

échus par chaque propriétaire pour l'entretien et la réparation des parties communes est déterminé proportionnellement à la quote-part de ce propriétaire d'unité dans les parties communes au sein de l'immeuble en copropriété.

UMUTWE WA IV: IYANDIKISHWA RY'ISANGIRAMUTUNGO KU NYUBAKO N'IBICE BYAYO

CHAPTER IV: CONDOMINIUM AND CONDOMINIUM UNITS REGISTRATION

CHAPITRE IV : ENREGISTREMENT DE L'IMMEUBLE EN COPROPRIETE ET DE SES UNITÉS

Ingingo ya 27: Ibyandikwa mu isangiramutungo ku nyubako

Article 27: Registration subjects in a condominium

Article 27: Sujets d'enregistrement au sein d'un immeuble en copropriété

Nyuma y'iyandikwa ry'ishyirahamwe rifite ubuzima gatozi, isangiramutungo ku nyubako ryandikwa mu izina ry'ishyirahamwe hakurikijwe imyandikire y'ubutaka. Buri gice cy'isangiramutungo hamwe n'uruhare rwacyo mu bintu bihuriweho cyandikwa ukwacyo kandi kikaba umutungo utimukanwa wihariye bikurikije aya mabwiriza.

After the registration of the association acting as a legal person, the condominium shall be registered in the name of the association according to modalities for land registration and each private unit together with its co-share in the common elements shall be registered separately and shall constitute a separate private real property according to these instructions.

Après l'enregistrement de l'association agissant en tant que personne morale, l'immeuble en copropriété sera enregistré au nom de l'association selon des modalités d'enregistrement des titres fonciers. Chaque unité privée ainsi que sa quote-part parmi les parties communes est enregistrée séparément et constitue un bien immobilier à part entière en vertu de ces instructions.

Kubera impamvu z'iyandikishwa:

For the purpose of registration:

Pour les besoins d'enregistrement:

